

**GAHUNDA Y'ITANGWA RY'AMAFARANGA Y'ISHURI Y'INTARA Y'AMASHURI Y'UMUGI WA SALT LAKE  
N'INCAMAKE Y'IGABANYIRIZWA RY'AMAFARANGA YISHURWA**

NIBA UKENEYE UWAGUFASHA GUSOBANUKIRWA IRI TANGAZO, WAHAMAGARA BOB MUENCH KURI  
NOMERO (801) 578-8378.

Aka gatabo kanditswe kugira ngo kagufashe gusoma gahunda n'uburyo bukurikizwa by'Intara y'amashuri y'Umugi wa Salt Lake bwerekanye no kugabanyirizwa amafaranga y'ishuri n'ibyo ugabanyirizwa agomba kuba yujuje.

Incamake

1. Amategeko ya Utah yemera ko umuntu atanga amafaranga y'ishuri kuva mu mwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye kugera mu wa gatandatu. Ibi bisobanuye ko umunyeshuri ashobora gucibwa amafaranga y'ibikoresho by'ishuri, ay'ibikoresho bishyirwa mu ishuri, ay'ibikorwa bitandukanye n'aya za porogaramu z'amasono.
2. Kugabanyirizwa bikorwa ku mafaranga yose yishurwa.
3. Abanyeshuri basaba kugabanyirizwa amafaranga ntibemererwe bafite uburenganzira bwo kujurira.

Gahunday'Intara y'Amashuri yerekeye igabanyirizwa ry'amafaranga yishurwa

Inama nkuru y'Ishuri y'Intara y'Amashuri y'Umugi wa Salt Lake yashyizeho kandi yemeza gahunda y'igabanyirizwa ry'amafaranga ndetse n'imbonerahamwe y'amafaranga yishurwa hakurikijwe amategeko ya Leta. Iyi gahunda, uburyo bukurikizwa n'imbonerahamwe y'amafaranga yishuzwa biboneka ku ipaji y' urubuga rw'Intara rwa: [slcschools.org/board-of-education/policies/](http://slcschools.org/board-of-education/policies/) - manura iyo paji maze ushake S-10: Amafaranga umunyeshuri yishura n'Igabanyirizwa.

Uburyo bwo kugabanyirizwa amafaranga y'ishuri

Buri mukuru w'Ikigo cy'amashuri ashyirwaho nk'umuntu ugomba gusuzuma no gufata ikemezo ku busabe bwerekanye kugabanyirizwa amafaranga y'ishuri. Intara y'Amashuri ifite inshingano yo kureba ko uburyo bo kubona igabanyirizwa ry'amafaranga y'ishuri bukorwa neza, ku buryo butabogamye, kandi nta gukererwa. Ikindi kandi, Intara y'Amashuri ikurikirana ko ubwo buryo budaha akato, budatesha umutwe, budaha agaciro katari ngombwa, kandi butikoreza imitwaro idakwiye abanyeshuri n'ababyeyi. Ubu buryo ntibuzagira ibirango bigaragara bishobora gutuma umuntu amenya umwirondoro w' abasaba kugabanyirizwa amafaranga y'ishuri, nta banyeshuri b'Intara (uretse umunyeshuri ufite umuryango/umubyeyi usaba igabanyirizwa ry'amafaranga) bemerewe gufasha abandi gusaba igabanyirizwa ry'amafaranga yishurwa. Amakuru atangwa n'imiryango/ababyeyi azabikwa mu ibanga rikomeye mu gihe cy'icyo gikorwa cyo gusaba.

Ikindi kandi, ugomba kumenya ko umunyeshuri wemererwa kugabanyirizwa ntafatwa mu buryo butandukanye n'abandi, kandi ntagomba kugaragarira abandi banyeshuri, abarimu cyangwa abandi bantu badakeneye kumenya ayo makuru ko yemerewe kugabanyirizwa amafaranga y'ishuri.

Uwemerewe kugabanyirizwa amafaranga y'ishuri

Umunyeshuri yemererwa kugabanyirizwa amafaranga y'isuri igihe:

1. umunyeshuri yemerewe ifunguro ry'ubuntu rya saa sita nk'uko biri mu mabwiriza ya Urwego rushinzwe ubuhinzi (USDA).
2. umunyeshuri ahabwa amafaranga y'abatishoboye (SSI).
3. umuryango w'umunyeshuri ubona imfashanyo idahoraho (TANF)
4. umunyeshuri arerwa n'abatari ababyeyi be, cyangwa se
5. umunyeshuri arerwa na leta

Ikindi kandi, igihe ufile ibibazo by'amafaranga byihutirwa bitewe no kubura akazi, indwara ikaze cyangwa ukundi kubura ubushobozi gukomeye kukurenze, umwana wawe ashobora kwemererwa kuganyirizwa amafaranga y'ishuri n'ubwo ibindi bisabwa yaba atabyujuje. Nubwo umunyeshuri ataba yujuje ibi bisabwa, ikigo cy'amashuri kigomba gukomeza kumugabanyiriza amafaranga y'ishuri ige kumwishiya ayo amafaranga byamubuza amahirwe yo kwitabira cyangwa kurangiza ibisabwa n'ikigo kubera ko atabasha kwishyura ayo amafaranga.

Icyakora, kugira ngo umunyeshuri yemerewe kugabanyirizwa amafaranga, ikigo kigomba guhabwa IBYANGOMBWA kugira ngo kigenzure ko abyemerewe. Ugomba kuzuza urupapuro rwabugenewe rusaba kugabanyirizwa amafaranga y'ishuri ukarwohereza ku muyobozi w'ishuri kugira ngo arusuzume anarwemeze. Impapuro zisaba kugabanyirizwa amafaranga y'ishuri ziboneka muri buri biro bikuru by'ishuri ku rubuga rw'amafaranga y'ishuri rw' y'Inama nkuru y'Ishuri ya Leta ya Utah rwa: <https://www.schools.utah.gov/schoolfees?mid=4340&tid=3>. Ukimara kohereza impapuro wujuje, gusabwa gutanga amafaranga y'ishuri biba bihagaze kugeza igihe ikemezo cya nyuma ku kuba umunyeshuri yemerewe cyangwa atemerewe kugabanyirizwa amafaranga y'ishuri gifashwe. Iyo ubusabe butemewe, ikigo kikohherereza Urupapuro rw' Ikemezo cyafashwe no Kujuriraho. Urwo rupapuro rukubwira impamvu ubusabe bwawe butemewe rukanasobanura uburyo bwo kujuririra icyo kemezo. Igihe ujuririra ko utemerewe kugabanyirizwa, ntiwishyura amafaranga asabwa kugeza ige hafatiwe ikemezo kuri ubwo bujurire.

Igihe umunyeshuri wawe yemerewe kugabanyirizwa amafaranga y'ishuri, amafaranga yishyura yose aragabanya, harimo ibi bikurikira, ariko si ibyo gusa:

Amafaranga ariwa mu kwiyandikisha, amafaranga yo kwishingira ibitabo n'ibikoresho by'ishuri, ibikoresho bigemurwa ishuri, amakarita yerekana uko igikorwa kigenda, ibikorwa bitari mu nteganyanyigisho, n'ingufuri zo ku ishuri; amafaranga ariwa kuri laboratwari no guhaha; amafaranga ariwa ku myitoto ngororamubiri no ku isume yo kwihanaguza; ikiguzi cy'impuzankano n'ibikoresho ngereka; amafaranga yakwa ku ngendo shuri n'amafaranga ariwa ku nama rusange; ikiguzi k'ingendo z'ishuri n'iz'ikipe y'ishuri; n'ikiguzi k'ibikoresho by'umuziki bikoreshwa mu masomo no bikorwa by'ishuri.

Nta kintu cyo kuvuga ngo "iki ntigabanyirizwa" cyangwa ngo amafaranga yishurwa "ubushatse", ariko ibisimbura kugabanyirizwa amafaranga bishobora gutegura mu bihe bimwe na bimwe, ariko ibi ntibireba amafaranga yishurwa ibitabo byo kwigiramo. Ikigo ntigishobora kugusaba kwishyura mu bice IOUs cyangwa gukoresha ubundi buryo bwo kwishyura butinda.

Amafaranga yishurwa impeta z'ishuri, ibitabo by'urwibitso, amashusho y'imfashanyigisho, amajaketi n'ibindi bisa nk'ibyo ntabwo ari amafaranga y'ishuri kandi agomba kugabanya. Na none kandi, iyo umunyeshuri wawe ataye cyangwa yangije ikintu cy'umutungo w'ikigo, ntabwo amafaranga yo gushaka ikindi cyangwa gukoresha ari amafaranga y'ishuri kandi ntagombwa kugabanya. Umunyeshuri

ashobora gusabwa kwishyura amafaranga yo kwiyandikisha cyangwa yo kwiga amasomo yo mu rwego rwo hejuru yo kumufasha kumenya ishuri azajyamo. Igice cy'amafaranga y'ishuri kerekereanye n'amasomo ya kaminuza cyangwa ya nyuma y'amashuri y'isumbuye kikigabanyirizwa. Ikindi kandi, abanyeshuri bishyuye amafaranga y'igitaabo bigiramo, cyangwa ay'ibikoresho nibo bonyine bemerewe gusubizwa amafaranga yabo umwaka urangiye.

Ikigo cyangwa abakozi b'ikigo ntibashobora gufatira, kugabanya cyangwa kongera amanota cyangwa amasaha y'isomo, cyangwa gufatira amanota, isomo, urupapuro indangamanota, icyangombwa kigaragaza amanota y'imyaka yose, inyemezabumenyi hagamijwe gutumwa amafaranga y'ishuri yishyurwa. Ikigo gishibora gufatira amakuru yerekeranye n'imyigire y'umunyeshuri wataye cyangwa wangije ikintu cy'umutungo w'ishuri; icyakora ntigishobora kufatira amakuru y'umunyeshuri wabuza undi kuza mu ishuri cyangwa kujya mubyo ashobora kwiga neza.

Inyandiko yo kwemererwa igabanyirizwa ry'amafaranga y'ishuri NTABWO isabwa buri mwaka ariko ishobora gusabwa igihe icyo ari cyo cyose n'ikigo cyangwa se umubyeyi ashobora kuyaka kugira ngo ayisuzume kubw'impamu nziza. Ikindi, ibyangombwa ntibigombwa kugumanwa hagamijwe kubahiriza uburenganzira bwite bw'umuntu. Ibigo by'amashuri bishobora koherereza ibindi bigo abanyeshuri bazimukiramo cyangwa bazimurirwamo amakuru ajyanye n'ukwemererwa kugabanyirizwa amafaranga y'ishuri.

Niba ufite ibibazo, banza ubibwire umuyobozi w'ikigo cyawe cyangwa uhagarariye Intara y'Amashuri ugaragara munsi:

Ishami rishinzwe Ubuyobozi bw'ishuri n'Imyigire (801) 578- 8350

Niba wifuza kopi y'uburyo bwuzuye bukurikizwa bw'Intara bwerekeye n'amafaranga yishyurwa ndetse n'iganyirizwa ry'amafaranga y'ishuri, wahamagara Bob Muench kuri nomero (801) 578-8378.